

ITEKA RYA MINISITIRI N° 010/11.30 RYO KU WA 11/04/2017 RIGENA UBURYO ISUZUMA, IYEMEZWA N'IYANDIKWA RY'AMOKO Y'IBIHINGWA BIKORWA, UBURYO AMOKO Y'IBIHINGWA YEMEJWE AKURWA KU RUTONDE N'IMITERERE YARWO

MINISTERIAL ORDER N° 010/11.30 OF 11/04/2017 DETERMINING THE PROCEDURES FOR EVALUATION, CERTIFICATION AND REGISTRATION OF PLANT VARIETIES, PROCEDURES FOR THE WITHDRAWAL OF CERTIFIED PLANT VARIETIES FROM THE LIST AND ITS FORMAT

ARRETE MINISTERIEL N° 010/11.30 DU 11/04/2017 DETERMINANT LES PROCEDURES D'EVALUATION, D'HOMOLOGATION ET D'ENREGISTREMENT DES VARIETES VEGETALES, LES PROCEDURES DE RETRAIT D'UNE VARIETE VEGETALE AU CATALOGUE DES VARIETES VEGETALES ET SA FORME

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Isuzumwa ry'amoko y'ibihingwa

Article 2: Plant varieties testing

Article 2: Evaluation des variétés végétales

Ingingo ya 3: Amafaranga y'ikiguzi cyo gusuzuma no kwemeza ubwoko bw'igihingwa bushya

Article 3: Fees for testing and certification of a new plant variety

Article 3: Frais d'évaluation et de certification d'une nouvelle variété végétale

Ingingo ya 4: Igihe isuzuma ry'amoko y'ibihingwa rimara

Article 4: Duration for testing plant varieties

Article 4: Durée des tests des variétés végétales

Ingingo ya 5: Uburyo bwo kwemeza amoko mashya y'ibihingwa

Article 5: Procedures for certification of new plant varieties

Article 5: Procédures d'homologation des nouvelles variétés végétales

Ingingo ya 6: Kubungabunga ubwoko bw'igihingwa

Article 6: Maintenance of plant variety

Article 6: Maintenance de la variété végétale

Ingingo ya 7: Gusaba ko ubwoko bw'igihingwa bwandikwa

Article 7: Application for plant variety registration

Article 7: Demande d'enregistrement d'une variété végétale

Ingingo ya 8: Amakuru ahabwa usaba ko ubwoko bw'igihingwa bwandikwa

Article 8: Information given to the applicant of plant variety registration

Article 8: Information au demandeur d'enregistrement d'une variété végétale

<u>Ingingo ya 9:</u> Iyandikwa ry’ubwoko bushya	<u>Article 9:</u> Registration of a new variety	<u>Article 9:</u> Enregistrement de la nouvelle variété
<u>Ingingo ya 10:</u> Gushyira amoko y’ibihingwa ku rutonde rw’Igihugu rw’amoko y’ibihingwa	<u>Article 10:</u> Registration of plant varieties on the national plant variety list	<u>Article 10:</u> Enregistrement des variétés végétales sur le catalogue national des variétés végétales
<u>Ingingo ya 11:</u> Ibigize urutonde rw’Igihugu rw’amoko y’ibihingwa	<u>Article 11:</u> Content of the list of national plant variety	<u>Article 11:</u> Contenu du catalogue national des variétés végétales
<u>Ingingo ya 12:</u> Guhagarika kwandika mu gitabo ubwoko bw’igihingwa	<u>Article 12:</u> Suspension of a plant variety from the register	<u>Article 12:</u> Suspension de la variété végétale du registre
<u>Ingingo ya 13:</u> Gukura ubwoko bw’igihingwa ku rutonde rw’Igihugu rw’amoko y’ibihingwa	<u>Article 13:</u> Withdrawal of a plant variety from the national plant variety list	<u>Article 13:</u> Retrait d’une variété végétale au catalogue national des variétés végétales
<u>Ingingo ya 14:</u> Ivanwaho ry’ingingo zinyuranyije n’iri teka	<u>Article 14:</u> Repealing provision	<u>Article 14:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 15:</u> Igihe iri teka ritangira gukurikizwa	<u>Article 15:</u> Commencement	<u>Article 15:</u> Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N° 010/11.30 RYO KU WA 11/04/2017 RIGENA UBURYO ISUZUMA, IYEMEZWA N'IYANDIKWA RY'AMOKO Y'IBIHINGWA BIKORWA, UBURYO AMOKO Y'IBIHINGWA YEMEJWE AKURWA KU RUTONDE N'IMITERERE YARWO

MINISTERIAL ORDER N° 010/11.30 OF 11/04/2017 DETERMINING THE PROCEDURES FOR EVALUATION, CERTIFICATION AND REGISTRATION OF PLANT VARIETIES, PROCEDURES FOR THE WITHDRAWAL OF CERTIFIED PLANT VARIETIES FROM THE LIST AND ITS FORMAT

ARRETE MINISTERIEL N° 010/11.30 DU 11/04/2017 DETERMINANT LES PROCEDURES D'EVALUATION, D'HOMOLOGATION ET D'ENREGISTREMENT DES VARIETES VEGETALES, LES PROCEDURES DE RETRAIT D'UNE VARIETE VEGETALE AU CATALOGUE DES VARIETES VEGETALES ET SA FORME

Minisitiri w'Ubuhanzi n'Ubworozi;

The Minister of Agriculture and Animal Resources;

Le Ministre de l'Agriculture et des Ressources Animales;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles, 121, 122 et 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 005/2016 ryo ku wa 05/04/2016 rigenga imbuto n'amoko y'ibihingwa mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4 n'iya 5;

Pursuant to Law n° 005/2016 of 05/04/2016 governing seeds and plant varieties in Rwanda, especially in Articles 4 and 5;

Vu la Loi n° 005/2016 du 05/04/2016 régissant les semences et les variétés végétales au Rwanda, spécialement en ses articles 4 et 5;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 03/02/2017 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 03/02/2017;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 03/02/2017;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Iri teka rigena ibi bikurikira:

This Order determines the following:

Le présent arrêté détermine ce qui suit:

- | | | |
|--|---|---|
| 1° uburyo isuzuma, iyemezwa n'iyandikwa ry'amoko y'ibihingwa bikorwa; | 1° procedures for evaluation, certification and registration of plant varieties; | 1° les procédures d'évaluation, d'homologation et d'enregistrement des variétés végétales; |
| 2° uburyo amoko y'ibihingwa yemejwe akurwa ku rutonde rw'Igihugu rw'amoko y'ibihingwa; | 2° procedures for withdrawal of certified plant varieties from the national plant variety list; | 2° les procédures de retrait d'une variété végétale au catalogue national des variétés végétales; |
| 3° imiterere y'urutonde rw'Igihugu rw'amoko y'ibihingwa. | 3° format of the national plant variety list. | 3° le format du catalogue national des variétés végétales. |

Ingingo ya 2: Isuzumwa ry'amoko y'ibihingwa

Buri bwoko bushya bw'igihingwa bugomba kubanza gusuzumwa ubudasa, imimerere imwe n'ubudahindagurika mu miterere mbere yo kwandikwa ku rutonde rw'amoko y'ibihingwa uretse igihe ubwo bwoko bw'igihingwa bwazuzumwe nibura mu bihugu bibiri (2) biri mu miryango y'akarere cyangwa mpuzamahanga u Rwanda rubarizwamo.

Buri bwoko bushya bw'igihingwa bwinjizwa ku rutonde rw'amoko y'ibihingwa ari uko bwakorewe isuzuma rishimishije ry'agaciro kisumbuye mu buhinzi no mu mikoreshereze yabwo cyangwa igeragezwa ry'imyitwarire y'igihingwa ku rwego rw'Igihugu.

Inzobere, yaba ikigo cyangwa umuntu ku giti cye, bashobora gukora amageragezwa bayobowe n'ibiro by'umwanditsi w'amoko y'ibihingwa.

Umwanditsi w'amoko y'ibihingwa ni we ushinzwe isuzumwa ry'amoko y'ibihingwa kugira ngo

Article 2: Plant varieties testing

Every new plant variety must pass the test of distinctness, uniformity and stability before its registration on the national plant variety lists unless it has passed these tests in at least two (2) member countries of regional or international organizations of which Rwanda is party.

Every new variety is included on the list of plant varieties after satisfactorily undergoing the tests for value of cultivation and use or the national performance trials.

An expert, either as an institution or an individual, may carry out experiments under the guidance of the plant variety registrar's office.

The plant variety registrar is responsible for carrying out variety tests for registration in

Article 2: Evaluation des variétés végétales

Chaque nouvelle variété végétale doit passer le test de distinction, d'homogénéité et de stabilité avant son enregistrement sur les catalogues nationales de variétés végétales à moins qu'elle ait passé ces tests au moins dans deux (2) pays membre des organisations régionales ou internationales dont le Rwanda fait partie.

Chaque nouvelle variété végétale est enregistrée sous condition d'avoir satisfait au test de valeur agronomique et technique ou les essais nationaux de performance de variété.

Un expert, soit une institution ou un individu, peut effectuer les tests variétaux sous la direction du bureau du registraire des variétés végétales.

Le registraire des variétés végétales est responsable de conduire les essais variétaux pour

yandikwe abyumvikanyeho na Komite ishinzwe gusuzuma, kwemeza no kwandika amoko y'ibihingwa.

Ingingo ya 3: Amafaranga y'ikiguzi cyo gusuzuma no kwemeza ubwoko bw'igihingwa bushya

Umuntu wese usaba ko ubwoko bw'igihingwa bwandikwa agomba kwishyura ikiguzi cyo gusuzuma n'icyo kwemeza ubwoko bushya bw'igihingwa kingana n'amafaranga y'u Rwanda agaragara mu ifishi n° 2 iri ku mugereka wa II w'iri teka.

Ingingo ya 4: Igihe isuzuma ry'amoko y'ibihingwa rimara

Isuzuma ry'ubwoko bw'igihingwa rigomba gukorwa nibura mu bihe by'ihinga bibiri (2) kandi rigakorerwa nibura ahantu hatari muni ya hatatu (3).

Ku mpamvu zo kugereranya, isuzuma ry'ubwoko bw'igihingwa rigomba kuba rigizwe n'ubwoko bw'icyitegererezo n'andi moko bisa asanzwe akoreshwa yatoranyijwe.

Ingingo ya 5: Uburyo bwo kwemeza amoko mashya y'ibihingwa

U Rwanda rukurikiza uburyo bukoreshwa na COMESA bwo kwemeza amoko mashya y'ibihingwa n'asanzwe akoreshwa nk'uko biteganywa n'Amasezerano ashiraho Isoko

consultation with the Committee responsible for evaluation, certification and registration of plant varieties.

Article 3: Fees for testing and certification of a new plant variety

Any applicant for plant variety registration must pay fees for testing and certification of the new plant variety as specified in form n° 2 in annex II of this Order.

Article 4: Duration for testing plant varieties

Plant variety test must be conducted for two (2) growing seasons, at least on three (3) sites.

For purpose of comparison, the plant variety tests must include standard and similar varieties from the reference collection of varieties.

Article 5: Procedures for certification of new plant varieties

Rwanda adopts the COMESA procedures for certification of new and existing varieties as provided for by the Treaty for the Establishment of Common Market of Eastern and Southern Africa.

l'enregistrement en consultation avec le Comité d'évaluation, d'homologation et d'enregistrement des variétés végétales.

Article 3: Frais d'évaluation et de certification d'une nouvelle variété végétale

Tout demandeur d'enregistrement d'une variété végétale doit payer des frais d'évaluation et de certification de la nouvelle variété végétale selon le formulaire n° 2 en annexe II du présent arrêté.

Article 4: Durée de test des variétés végétales

Un test d'une variété végétale doit être conduit pendant au moins deux (2) saisons culturales et au moins sur trois (3) sites.

Pour des fins de comparaison, les tests d'une variété végétale doivent inclure des variétés standard et des variétés similaires à partir de la collection des variétés.

Article 5: Procédures d'homologation de nouvelles variétés végétales

Le Rwanda adopte les procédures d'homologation de variétés végétales du COMESA pour les nouvelles et les variétés existantes tel que prescrit

Rusange rihuriweho n'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba n'iy'Amajyepfo.

Ingingo ya 6: Kubungabunga ubwoko bw'igihingwa

Kugira ngo buri bwoko bw'igihingwa bwemezwe kandi butangazwe bugomba kubungabungwa na nyirabwo cyangwa umuhagarariye, ushinzwe by'umwihariko:

- 1° kubungabunga umwimerere w'ubwoko bw'igihingwa;
- 2° gutanga imbuto ku rwego rubishinzwe igihe cyose zikenewe mu gihe cyo kwandika ubwoko bw'igihingwa.

Ingingo ya 7: Gusaba ko ubwoko bw'igihingwa bwandikwa

Umuntu wese wifuza kwandikisha ubwoko bw'igihingwa yuzuzwa ifishi yabugenewe N°1 iri ku mugereka wa I w'iri teka akayohereza urwego rubifitiye ububasha.

Usaba kwandikisha ubwoko bw'igihingwa ni we wishingira kugaragaza ko ibiranga ubwoko bw'igihingwa giherekeje ubusabe ari cyo kizaganzurwa mu isuzuma ry'ubudasa, kugira imiterere imwe no kudahindagurika mu miterere.

Umwanditsi w'amoko y'ibihingwa yemera ibiranga ubwoko bw'igihingwa nk'uko yabihawe n'usaba, hanyuma akandika ubwoko bw'igihingwa

Article 6: Maintenance of plant variety

Every plant variety must, for purposes of its certification and publication, be maintained by the owner or his/her representative who is particularly responsible for:

- 1° maintaining the genetic purity of the variety;
- 2° providing the seeds to the competent authority at any time during the period of registration.

Article 7: Application for plant Variety registration

Any person who intends to register a variety of a plant fills an appropriate form N°1 in annex of this Order and submits it to the competent authority.

The applicant for plant variety registration is responsible for the accuracy of the plant variety description that is submitted on application, which will be verified by distinctness, uniformity and stability.

The plant variety registrar accepts the description of the plant variety provided for by the applicant and enrolls the plant variety on the list of plant

par le Traité portant création du Marché Commun de l'Afrique Orientale et Australe.

Article 6: Maintenance de la variété végétale

Pour être homologué et publié, chaque variété végétale doit être maintenue par son obtenteur ou son délégué spécialement chargé de:

- 1° maintenir la pureté génétique de la variété végétale;
- 2° fournir les semences à l'autorité compétente à n'importe quel moment lors de la période d'enregistrement.

Article 7: Demande d'enregistrement d'une variété végétale

Toute personne qui veut faire l'enregistrement d'une variété végétale, complète le formulaire appropriée N°1 en annexe I du présent arrêté et le soumet à l'autorité compétente.

Le demandeur d'enregistrement d'une variété végétale est responsable de l'exactitude de la description de la variété végétale qui sera vérifiée lors du test de distinction, d'homogénéité et de stabilité.

Le registraire des variétés végétales accepte la description de la variété végétale fournie par le demandeur et inscrit cette variété végétale sur la

ku rutonde rw'amoko y'ibihingwa azakorerwa isuzumwa ry'ubudasa, kugira imimerere imwe no kudahindagurika mu miterere hamwe n'isuzuma ku gaciro kisumbuye mu buhinzi no mu mikoreshereze.

Ingingo ya 8: Amakuru ahabwa usaba ko ubwoko bw'igihingwa bwandikwa

Umwanditsi w'amoko y'ibihingwa amenyesha ibi bikurikira usaba ko ubwoko bw'igihingwa bwandikwa:

- 1° aho agomba kugeza imbuto cyangwa ibindi bikoreshwa mu gukwirakwiza ibihingwa bikenewe mu igeragezwa, mu gihe igeragezwa rizakorerwa ahandi hatari ku biro by'umwanditsi w'amoko y'ibihingwa;
- 2° aderesi n'itariki ntarengwa yo kugeza imbuto cyangwa ibindi bikoreshwa mu gukwirakwiza ibihingwa bikenewe mu igeragezwa ahazakorerwa igeregezwa.

Ingingo ya 9: Iyandikwa ry'ubwoko bushya

Nyuma y'isesengura rya raporo ku isuzuma ry'ubudasa, kugira imimerere imwe no kudahindagurika mu miterere hamwe n'isuzuma ku gaciro kisumbuye mu buhinzi no mu mikoreshereze byatanzwe n'umwanditsi w'amoko y'ibihingwa, Komite ishinzwe gusuzuma, kwemeza, kwandika amoko y'ibihingwa no kuyakura ku rutonde, ifata umwanzuro wo

varieties proposed for tests of the distinctness, uniformity and stability; as well as the test for value for cultivation and use

Article 8: Information given to the applicant of plant variety registration

The plant variety registrar informs the applicant of plant variety registration on the following:

- 1° where to deliver the necessary quantity of seeds or propagating material for the trials, if the variety test will take place in a site other than the plant variety registrar's office;
- 2° the address and the deadline for delivery of necessary quantity of seeds or propagating material for the trials on a test site.

Article 9: Registration of a new variety

After the analysis of the report on the test for distinctness, uniformity and stability as well as the test of value for cultivation and use submitted by the plant variety registrar, the Committee in charge of evaluation, certification and registration of plant varieties and their withdrawal from the list, decides to certify the new variety if it is distinct, uniform

liste des variétés végétales proposées aux tests de distinction, d'uniformité et de stabilité ainsi que le test de valeur agronomique technologique.

Article 8: Information donnée au demandeur d'enregistrement d'une variété végétale

Le registraire des variétés végétales informe le demandeur d'enregistrement d'une variété végétale sur ce qui suit:

- 1° le lieu de livraison de la quantité nécessaire des semences ou de matériel de plantation requis pour les essais, si le site d'essai est autre que le bureau du registraire des variétés végétales;
- 2° l'adresse et la date limite de livraison de la quantité nécessaire des semences ou de matériel de plantation requis pour les essais sur le site d'essai.

Article 9: Enregistrement de la nouvelle variété

Après l'analyse du rapport sur le test de distinction, d'uniformité et de stabilité ainsi que le test de valeur agronomique et technologique soumis par le registraire des variétés végétales, le Comité chargé d'évaluation, d'homologation et d'enregistrement des variétés végétales et de leur retrait de la liste, décide d'homologuer la nouvelle variété si elle est

kwemeza ubwoko bushya bw'igihingwa igihe bwujuje ibisabwa ku budasa, ugira imimerere imwe no kudahindagurika mu miterere n'isuzuma ry'agaciro kisumbuye mu buhinzi no mu mikoreshereze.

Ashingiwe ku cyemezo cya Komite ishinzwe gusuzuma, kwemeza, kwandika amoko y'ibihingwa no kuyakura ku rutonde kivugwa mu mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, umwanditsi w'amoko y'ibihingwa yinjiza ubwoko bushya bw'igihingwa mu gitabo cyandikwamo amoko y'ibihingwa kandi akagaragaza ibiburanga byose n'andi makuru ya ngombwa yerekeye ubwo bwoko bw'igihingwa.

Komite ishinzwe gusuzuma, kwemeza, kwandika amoko y'ibihingwa no kuyakura ku rutonde imenyeshya mu nyandiko usaba icyemezo yafashe ku isuzuma ry'ubwoko bw'igihingwa mu gihe gitarenze iminsi cumi n'ine (14) icyemezo gifashwe.

Ingingo ya 10: Gushyira amoko y'ibihingwa ku rutonde rw'Igihugu rw'amoko y'ibihingwa

Amoko yose y'ibihingwa yemejwe kandi yatangajwe mu Rwanda agomba gushyirwa ku rutonde rw'Igihugu rw'amoko y'ibihingwa ruvugururwa buri mwaka kandi rugatangazwa na Minisitiri ufite ubuhinzi mu nshingano ze.

and stable and has satisfied the test for value for cultivation and use.

Based on the decision of the Committee responsible for evaluation, certification and registration of plant varieties and their withdrawal from the list provided for in Paragraph One of this Article, the registrar of plant variety enrolls the new variety in the register of plant variety with all its characteristics and any other necessary information related to that plant variety.

The Committee for evaluation, certification and registration of plant varieties and their withdrawal from the list, notifies in writing the applicant of its decision on the application within a period not exceeding fourteen (14) days from the date of its decision.

Article 10: Registration of plant varieties on the national plant variety list

All plant varieties certified and published in Rwanda must be registered on the national plant variety list which is updated and published every year by the Minister in charge of agriculture.

distincte, homogène et stable et satisfait au test de valeur agronomique et d'utilisation.

Sur base de la décision du Comité chargé d'évaluation, d'homologation et d'enregistrement des variétés végétales et de leur retrait de la liste visé à l'alinéa premier du présent article, le registraire des variétés végétales inscrit la nouvelle variété végétale au registre de variétés végétales en indiquant toutes ses caractéristiques et toute autre information nécessaire relative à la variété végétale.

Le Comité d'évaluation, d'homologation et d'enregistrement des variétés végétales et de leur retrait de la liste notifie par écrit au demandeur, sa décision sur sa demande dans un délai ne dépassant pas quatorze (14) jours à compter de la date de prise de décision.

Article 10: Enregistrement des variétés végétales sur le catalogue national des variétés végétales

Toutes les variétés végétales homologuées et publiées au Rwanda sont enregistrées sur le catalogue national des variétés végétales qui est mis à jour et publié annuellement par le Ministre ayant l'agriculture dans ses attributions.

Ingingo ya 11: Ibigize urutonde rw'Igihugu rw'amoko y'ibihingwa

Urutonde rw'Igihugu rw'amoko y'ibihingwa rugomba kuba rurimo amakuru agaragara mu ifishi n° 3 iri ku mugereka wa III w'iri teka.

Ingingo ya 12: Guhagarika ubwoko bw'igihingwa bwanditswe mu gitabo

Umwanditsi w'amoko y'ibihingwa ashobora guhagarika ubwoko bw'igihingwa bwanditswe mu gitabo mu gihe kigera ku myaka ibiri (2) iyo:

- 1° ubwoko bw'igihingwa bufite ingaruka mbi ku buhinzi bw'u Rwanda cyangwa ku mutekano w'ibiribwa uterwa no kutihanganira indwara cyangwa kugaragaza ubushobozi buke;
- 2° imbuto zikomoka kuri ubwo bwoko bw'igihingwa zagaragaje ubwandu butuma umwimerere wabwo ukemangwa;
- 3° ubwoko bw'igihingwa bwangiritse ku buryo butandukanye n'imbuto y'icyitegererezo yatanze;
- 4° ubwoko bw'igihingwa n'ububukomakaho bushobora kugira ingaruka mbi ku buzima n'umutekano w'abantu, inyamaswa cyangwa ibidukikije;

Article 11: Content of the list of national plant variety

The list of national plant variety must contain information provided for under form n° 3 in annex III of this Order.

Article 12: Suspension of a plant variety from the register

The registrar of a plant variety may suspend a plant variety from the register for up to two (2) years if:

- 1° the plant variety has an adverse effects on Rwandan agriculture and the food security due to disease susceptibility or inferior quality;
- 2° seeds from the plant variety demonstrate significant levels of contamination such that its varietal purity has been compromised;
- 3° the plant variety has been altered in such a manner that it differs from the representative legal reference sample;
- 4° the plant variety or its progeny may be detrimental to human, animal or environmental health and safety;

Article 11: Contenu du catalogue national des variétés végétales

Le catalogue de variétés végétales doit contenir les informations prévues au formulaire n° 3 en annexe III du présent arrêté.

Article 12: Suspension de la variété végétale du registre

Le registraire de la variété végétale peut suspendre la variété végétale du registre pour une période allant de deux (2) ans si:

- 1° la variété végétale a des effets néfastes sur l'agriculture rwandaise et sur le système de sécurité alimentaire due à une susceptibilité aux maladies ou une qualité inférieure;
- 2° les semences de la variété végétale ont montré un taux de contamination très poussé montrant que la pureté variétale a été compromise;
- 3° la variété végétale a été altérée à tel point qu'elle diffère de l'échantillon de référence;
- 4° la variété végétale ou ses descendants pourraient représenter un danger pour la santé et la sécurité humaine, animale ou environnementale;

5° amakuru yatanzwe igihe cyo gusaba kwandikisha ubwoko bw'igihingwa atari yo.

5° the false or misleading information was submitted as part of the application.

5° les informations fausses ou trompeuses ont été fournies lors de la demande de l'enregistrement d'une variété végétale.

Ingingo ya 13: Gukura ubwoko bw'igihingwa ku rutonde rw'Igihugu rw'amoko y'ibihingwa

Article 13: Withdrawal of a plant variety from the national plant variety list

Article 13: Retrait d'une variété végétale au catalogue national des variétés végétales

Umwanditsi w'amoko y'ibihingwa akura ubwoko bw'igihingwa ku rutonde rw'Igihugu rw'amoko y'ibihingwa no mu gitabo cy'amoko y'ibihingwa iyo:

The registrar of plant varieties withdraws the registration of a plant variety from the national plant variety list and the register of plant varieties:

Le registraire des variétés végétales retire la variété végétale au catalogue national et au registre des variétés végétales:

1° ubwoko bw'igihingwa bwangiritse ku buryo bugomba guhindurwa mu bundi bwoko bw'igihingwa bwanditswe ku rindi zina;

1° if the plant variety is altered in such a manner as to convert it to a plant variety that is registered under a different name;

1° lorsque la variété végétale a été altérée de telle manière qu'il faut la convertir en une autre variété végétale enregistrée sous un autre nom;

2° bigaragaye ko ubwoko bw'igihingwa budashobora gutandukanywa n'ubundi bwoko bw'igihingwa bwanditswe cyangwa bizwi ko buriho;

2° if the plant variety is found to be indistinguishable from another plant variety already registered or known to exist;

2° lorsque la variété végétale a été trouvée non distincte d'une autre variété végétale déjà enregistrée ou reconnue comme existante;

3° ubwoko bw'igihingwa bukomoka ku gihingwa cyangwa ubwoko bw'igihingwa butagikenera gushyirwa ku rutonde;

3° if the plant variety is of a kind of crop or species no longer subject to the plant variety registration requirements;

3° lorsque la variété végétale est d'un type de culture ou d'espèce dont la variété végétale ne fait plus l'objet d'enregistrement;

4° iyo bisabwe na nyir'ubwoko bw'igihingwa kandi bigatangirwa uruhushya rwanditse n'umwanditsi w'amoko y'ibihingwa;

4° upon the request of the owner of the plant variety with the written permission of the registrar of plant variety;

4° à la demande de l'obteneur de la variété végétale avec une permission écrite du registraire des variétés végétales;

5° iyo hashize imyaka ibiri (2) iyandikwa ry'ubwoko bw'igihingwa rihagaritswe kandi bigaragara ko impamvu zatumye iyandikwa rihagarikwa zikiriho.

5° the plant variety registration has been suspended for two (2) years and if the reasons for the suspension are still valid.

5° si l'enregistrement d'une variété végétale a été suspendu pendant deux (2) ans et que les raisons de sa suspension sont encore valides.

Ingingo ya 14: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 15: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 11/04/2017

(sé)

Dr. MUKESHIMANA Geraldine
Minisitiri w'Ubuhanzi n'Ubworozi

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 14: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

Article 15: Commencement

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 11/04/2017

(sé)

Dr. MUKESHIMANA Geraldine
Minister of Agriculture and Animal Resources

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Article 14: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 15: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 11/04/2017

(sé)

Dr. MUKESHIMANA Geraldine
Ministre de l'Agriculture et des Ressources
Animales

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

UMUGEREKA WA I W'ITEKA RYA
MINISITIRI N° 010/11.30 RYO KU WA
11/04/2017 RIGENA UBURYO ISUZUMA,
IYEMEZWA N'IYANDIKWA RY'AMOKO
Y'IBIHINGWA BIKORWA, UBURYO
AMOKO Y'IBIHINGWA YEMEJWE
AKURWA KU RUTONDE N'IMITERERE
YARWO

ANNEX I TO MINISTERIAL ORDER N°
010/11.30 OF 11/04/2017 DETERMINING
THE PROCEDURES FOR EVALUATION,
CERTIFICATION AND REGISTRATION OF
PLANT VARIETIES, PROCEDURES FOR
THE WITHDRAWAL OF CERTIFIED
PLANT VARIETIES FROM THE LIST AND
ITS FORMAT

ANNEXE I A L'ARRETE MINISTERIEL N°
010/11.30 DU 11/04/2017 DETERMINANT
LES PROCEDURES D'EVALUATION,
D'HOMOLOGATION ET
D'ENREGISTREMENT DES VARIETES
VEGETALES, LES PROCEDURES DE
RETRAIT D'UNE VARIETE VEGETALE AU
CATALOGUE DES VARIETES VEGETALES
ET SA FORME

IFISHI N° 1: UBUSABE BWO GUTANGAZA NO KWANDIKA UBWOKO BUSHYA BW'IBIHINGWA

(Buri bwoko bw'igihingwa bugomba kuba bufite ifishi yihariye)

1. Amazina na aderesi by'usaba /abasaba
2. Amazina na aderesi by'umukozi ubishinzwe (niba ahari)
3. Izina na aderesi ry'umushakashatsi cyangwa uwavumbuye ubwoko bw'igihingwa cyangwa uwabukoze:
4. Izina ry'ubwoko bw'igihingwa cyangwa uko bavuga:
5. Itariki y'ubusabe bw'uburenganzira bw'abashakashatsi b'amoko y'ibihingwa mu Rwanda (niba ari ngombwa):
6. Niba utari nyir'igihingwa cyangwa umushakashatsi wacyo, shyira ku mugereka icyemezo kigaragaza ko nyiracyo yabyemeye
7. Ni wowe ufite uburenganzira ku bwoko bw'igihingwa? YEGO/OYA

(i) Niba ari yego, shyiraho kopi iriho umukono wa noteri y'icyemezo kiguha uburenganzira

(ii) Niba ari oya, shyira ku mugereka icyemezo kigaragaza ko nyiracyo yemeye ko hatangwa ubu busabe

8. Izina ry'Igihugu ubwoko bw'igihingwa bwashakashakiwemo, bwavumbuwemo cyangwa bwakorewemo:

9. Ese izina ry'ubwoko bw'igihingwa riri ku rutonde ruzwi rw'ikindi gihugu? YEGO/OYA
10. Niba ari yego,
- (a) Vuga izina ry'Igihugu:
 - (b) Inyito y'urutonde rw'Igihugu:
 - (c) Itariki ryashyiriwe kuri urwo rutonde:
11. Inyandiko ziherekeza ubusabe zigomba kubamo:
- (a) Amakuru ku byatanzwe n'isuzuma:
 - (b) Ibisobanuro by'ubwoko bw'igihingwa :
 - (c) icyemezo cy'uko nyir'ubwoko yabyemeye aho ari ngombwa:
 - (d) Izindi nyandiko zose za ngombwa:
12. Ibiranga ubwoko byihariye bigomba gusuzumwa
13. Ingano y'imbutu yatanzwe
14. Raporo tekini ya DUS ishyirwa ku mugereka (aho bisabwa):
- Bikorewe tariki ya
- Umukono w'usaba /umukozi (erekana uwushyiraho)

FORM N° 1: APPLICATION FOR CERTIFICATION AND REGISTRATION OF A NEW PLANT VARIETIES

(Each entry will require a separate form)

1. Name and address of the applicant (s)
2. Name and address of the agent (if any):
3. Name and address of breeder or discoverer and developer:
4. Name or other designation of the plant variety:
5. Date of application for plant breeder's rights in Rwanda (if applicable):
6. If you are not the owner or plant breeder attach consent
7. Are you the holder of rights for the plant variety? YES/NO
 - (i) If yes, attach certified copy of certificate of grant
 - (ii) If not, attach the owner's consent to make this application
8. Name of the country in which the plant variety was bred or discovered and developed:
9. Is the name of the plant variety included in the official list of any other country? YES/NO
10. If yes,
 - (a) Name of the country:
 - (b) Title of the official list:
 - (c) Date of inclusion in the official list:

11. Document (s) in support of the application which should include:

(a) Trials data:

(b) Variety description.....

(c) Variety owner's consent where applicable:

(d) Any other relevant document(s):

12. Special attributes or characteristics to be tested for

13. Quantity of seed submitted

14. The technical report of DUS is attached (where applicable):

Done at, on

Signature of the applicant/agent (indicate as appropriate)

FORMULAIRE N° 1: DEMANDE D'HOMOLOGATION ET D'ENREGISTREMENT D'UNE NOUVELLE VARIETE VEGETALE

(Chaque inscription nécessite un formulaire à part)

1. Noms et adresses du (des) demandeur (s)
2. Noms et adresse de l'agent (s'il y en a):
3. Noms et adresse de l'obteneur de la variété végétale ou inventeur et promoteur:
4. Nom ou autre désignation de la variété végétale:
5. Date de demande de protection des droits d'un obteneur de variétés végétales au Rwanda (le cas échéant):
6. Si tu n'es pas le propriétaire ou l'obteneur des variétés végétales, annexe la lettre de consentement.
7. Es-tu le titulaire des droits d'un obteneur de variétés végétales? OUI/NON
 - (i) Si oui, annexe la copie certifiée du certificat d'octroi
 - (ii) Si non, annexe la lettre de consentement du propriétaire pour introduire cette demande
8. Nom du pays dans lequel la variété végétale a été produite ou découverte et mise au point:
9. Le nom de la variété végétale est-il inclus sur le catalogue national d'un autre pays? OUI/NON
10. Si oui,
 - (a) Nom du pays:
 - (b) Titre du catalogue national:
 - (c) Date d'inscription sur le catalogue national :

10. Les documents d'appui annexés à la demande qui doivent comprendre:

- (a) Données des essais:
- (b) Description de la variété :
- (c) Lettre de consentement du propriétaire de la variété si nécessaire:
- (d) Tout autre document nécessaire:

12. Particularités ou caractéristiques qu'il faut tester

13. Quantité de la semence présentée

14. Le rapport technique relatif à l'examen DHS est annexé (si nécessaire):

Fait à..... le

Signature du demandeur/agent (choisir selon le cas)

Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri n° 010/11.30 ryo ku wa 11/04/2017 rigena uburyo isuzuma, iyemezwa n'iyandikwa ry'amoko y'ibihingwa bikorwa, uburyo amoko y'ibihingwa yemejwe akurwa ku rutonde n'imiterere yarwo

Kigali, ku wa 11/04/2017

(sé)

Dr. MUKESHIMANA Geraldine
Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Seen to be annexed to the Ministerial Order n° 010/11.30 of 11/04/2017 determining the procedures for evaluation, certification and registration of plant varieties, procedures for the withdrawal of certified plant varieties from the list and its format

Kigali, on 11/04/2017

(sé)

Dr. MUKESHIMANA Geraldine
Minister of Agriculture and Animal Resources

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Vu pour être annexé à l'Arrêté Ministeriel n° 010/11.30 du 11/04/2017 déterminant les procédures d'évaluation, d'homologation et d'enregistrement des variétés végétales, les procédures de retrait d'une variété végétale au catalogue des variétés végétales et sa forme

Kigali, le 11/04/2017

(sé)

Dr. MUKESHIMANA Geraldine
Ministre de l'Agriculture et des Ressources
Animales

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**UMUGEREKA WA II W'ITEKA RYA
MINISITIRI N° 010/11.30 RYO KU WA
11/04/2017 RIGENA UBURYO ISUZUMA,
IYEMEZWA N'IYANDIKWA RY'AMOKO
Y'IBIHINGWA BIKORWA, UBURYO
AMOKO Y'IBIHINGWA YEMEJWE
AKURWA KU RUTONDE N'IMITERERE
YARWO**

**ANNEX II TO MINISTERIAL ORDER
N°010/11.30 OF 11/04/2017 DETERMINING
THE PROCEDURES FOR EVALUATION,
CERTIFICATION AND REGISTRATION OF
PLANT VARIETIES, PROCEDURES FOR
THE WITHDRAWAL OF CERTIFIED
PLANT VARIETIES FROM THE LIST AND
ITS FORMAT**

**ANNEXE II A L'ARRETE MINISTERIEL
N°010/11.30 DU 11/04/2017
DETERMINANT LES PROCEDURES
D'EVALUATION, D'HOMOLOGATION ET
D'ENREGISTREMENT DES VARIETES
VEGETALES, LES PROCEDURES DE
RETRAIT D'UNE VARIETE VEGETALE
AU CATALOGUE DES VARIETES
VEGETALES ET SA FORME**

IFISHI N° 2: AMAFARANGA YISHYURWA MU ISUZUMA RY'AMOKO MASHYA Y'IBIHINGWA

1. Isuzuma ry'Igihugu ry'ubwoko bw'igihingwa ku birebana n'agaciro kisumbuye mu buhinzi no mu mikoreshereze yabwo (VCU) ni USD 500 kuri buri bwoko na buri gihe cy'ihinga.
2. Isuzuma ry'ubudasa, imimerere imwe n'ubudahindagurika mu miterere (DUS) ni USD 600 ku bihembwe bibiri (2).

Ayo mafaranga azagenwa hakurikijwe ibihingwa binyuranye (urugero: ibigori, ibishyimbo, ibirayi...) n'ingano n'ahantu imirima y'igerageza rya NPVT iherereye kandi azajya yongera asuzumwe na Komite ishinzwe gutangaza amoko y'ibihingwa.

FORM N° 2: FEES FOR TESTING NEW PLANT VARIETIES

1. National plant variety testing for Value for Cultivation and Use (VCU) USD 500 per entry per season.
2. Test for Distinctness, Uniformity and Stability (DUS) USD 600 for the two (2) seasons.

These fees will be determined by different specific crops (e.g. maize, beans, potato...) and the size and location of plots for the NPVT trials and will be reviewed by the plant variety certification Committee.

FORMULAIRE N° 2: COUTS RELATIFS AUX TESTS DE NOUVELLES VARIETES VEGETALES

1. Test national de la variété végétale pour la Valeur Agronomique et Technique (VAT) 500 USD par variété et par saison
2. Test de Distinction, d'Homogénéité et de Stabilité (DHS) 600 USD pour les deux (2) saisons.

Ces frais sont déterminés par différentes spécificités des cultures (Ex. maïs, haricots, pommes de terre ...) et la taille et la location des parcelles destinées aux tests nationaux de performance de variété végétale et sont examinés par le Comité d'homologation des variétés végétales.

Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri n° 010/11.30 ryo ku wa 11/04/2017 rigena uburyo isuzuma, iyemezwa n'iyandikwa ry'amoko y'ibihingwa bikorwa, uburyo amoko y'ibihingwa yemejwe akurwa ku rutonde n'imiterere yarwo

Kigali, ku wa 11/04/2017

(sé)

Dr. MUKESHIMANA Geraldine
Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Seen to be annexed to the Ministerial Order n°010/11.30 of 11/04/2017 determining the procedures for evaluation, certification and registration of plant varieties, procedures for the withdrawal of certified plant varieties from the list and its format

Kigali, on 11/04/2017

(sé)

Dr. MUKESHIMANA Geraldine
Minister of Agriculture and Animal Resources

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Vu pour être annexé à l'Arrêté Ministeriel n° 010/11.30 du 11/04/2017 déterminant les procédures d'évaluation, d'homologation et d'enregistrement des variétés végétales, les procédures de retrait d'une variété végétale au catalogue des variétés végétales et sa forme

Kigali, le 11/04/2017

(sé)

Dr. MUKESHIMANA Geraldine
Ministre de l'Agriculture et des Ressources
Animales

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**UMUGEREKA WA III W'ITEKA RYA
MINISITIRI N° 010/11.30 RYO KU WA
11/04/2017 RIGENA UBURYO ISUZUMA,
IYEMEZWA N'IYANDIKWA RY'AMOKO
Y'IBIHINGWA BIKORWA, UBURYO
AMOKO Y'IBIHINGWA YEMEJWE
AKURWA KU RUTONDE N'IMITERERE
YARWO**

**ANNEX III TO MINISTERIAL ORDER N°
010/11.30 OF 11/04/2017 DETERMINING
THE PROCEDURES FOR EVALUATION,
CERTIFICATION AND REGISTRATION OF
PLANT VARIETIES, PROCEDURES FOR
THE WITHDRAWAL OF CERTIFIED
PLANT VARIETIES FROM THE LIST AND
ITS FORMAT**

**ANNEXE III A L'ARRETE MINISTERIEL N°
010/11.30 DU 11/04/2017 DETERMINANT
LES PROCEDURES D'EVALUATION,
D'HOMOLOGATION ET
D'ENREGISTREMENT DES VARIETES
VEGETALES, LES PROCEDURES DE
RETRAIT D'UNE VARIETE VEGETALE AU
CATALOGUE DES VARIETES VEGETALES
ET SA FORME**

IFISHI N° 3: IBIKUBIYE MU RUTONDE RW'IGIHUGU RW'AMOKO Y'IBIHINGWA

Nomero y'ubwoko	Ubwoko bw'inkomo ko, izina rya gihanga cyangwa izina rusange	Izina ry'ubwoko bw'igihingwa, ihuzanyito, umubare w'ibanga uburanga n'icyiciro bubarizwamo	Igihugu n'umwaka ubwoko bwatanga-jwemo	Itariki bwa ndiki weho	Nyir'ubwoko bw'igihingwa	Ushinzwe gufata neza imbuto cyangwa inkomoko y'imbutu	Agace kabera-nye n'ubuhinzi bw'imbutu	Igihe ubwoko bumara kugira ngo bwere	Umusaruro bushobora gutanga	Umwihariko cyangwa imiterere yihariwe n'ubwoko bw'igihingwa

FORM N° 3: CONTENT OF THE NATIONAL PLANT VARIETY LIST

Serial number	Specie, botanical or common name	Variety name, synonyms, code and type	Country and year of certification	Date of registration	Owner	Maintainer or seed source	Recommended agro-ecological zone	Duration to maturity	Yield potential	Special attributes or characteristics

FORMULAIRE N° 3: CONTENU DE LA LISTE NATIONALE DE VARIETES VEGETALES

Numéro de série	L'espèce, nom botanique ou nom commun	Nom de la variété végétale, synonymes, code et type	Pays et année d'homologation	Date d'enregistrement	Propriétaire	Mainteneur ou source de la semence	Zone agro-écologique recommandée	Durée jusqu'à maturité	Rendement potentiel	Particularités ou caractéristiques

Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri n° 010/11.30 ryo ku wa 11/04/2017 rigena uburyo isuzuma, iyemezwa n'iyandikwa ry'amoko y'ibihingwa bikorwa, uburyo amoko y'ibihingwa yemejwe akurwa ku rutonde n'imiterere yarwo

Kigali, ku wa 11/04/2017

(sé)

Dr. MUKESHIMANA Geraldine
Minisitiri w'Ubuhanzi n'Ubworozi

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Seen to be annexed to the Ministerial Order n°010/11.30 of 11/04/2017 determining the procedures for evaluation, certification and registration of plant varieties, procedures for the withdrawal of certified plant varieties from the list and its format

Kigali, on 11/04/2017

(sé)

Dr. MUKESHIMANA Geraldine
Minister of Agriculture and Animal Resources

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Vu pour être annexé à l'Arrêté Ministeriel n°010/11.30 du 11/04/2017 déterminant les procédures d'évaluation, d'homologation et d'enregistrement des variétés végétales, les procédures de retrait d'une variété végétale au catalogue des variétés végétales et sa forme

Kigali, le 11/04/2017

(sé)

Dr. MUKESHIMANA Geraldine
Ministre de l'Agriculture et des Ressources
Animales

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux